*REPUBULIKA Y'U RWANDA*

**URUKIKO RW'IBANZE RWA BWISHYURA**

**KUMENYESHA ICYEMEZO CY'URUKIKO MU RUBANZA RC 00108/2021/TB/BWS**

Umunsi wa 09, ukwezi kwa Kanama, umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'ibiri ;

Njyewe MPORWIKI Jean Marie Vianney, Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura;

Maze kubona ko urubanza RC 00108/2021/TB/BWS rwaciwe kuwa 13/01/2022, BIKORIMANA Alphonse mwene BIGIRIMANA Medard na MUKAMUSONI MADELEINE utuye mu mudugudu wa Rwamiko, Akagali ka Ryaruhanga, Umurenge wa Mubuga, Akarere ka Karongi, Intara y'iburengerazuba, TEL +250789993542 aregera ubutane bwa burundu akarega UWAMAHORO Christine Mwene NDWANIYE na MUKAMUSONI JULIENNE mumudugudu wa Rwamiko, Akagali ka Ryaruhanga,Umurenge wa Mubuga,Akarere ka Karongi, Intara y'Iburengerazuba, UWAMAHORO Christine adahari;

Maze kubona ko UWAMAHORO Christine agomba kumenyeshwa icyemezo cy'urukiko kuko umuhesha w'inkiko wagerageje kubimumenyesha ariko asanga telephone ye itakiri ku murongo;

Nshingiye ku ngingo ya 46 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu;

Menyesheje UWAMAHORO Christine ko urubanza rwaciwe mu buryo bukurikira :

Rwemeje kwakira ikirego rwashyikirijwe na BIKORIMANA Alphonse, rugisuzumye rusanga gifite ishingiro;

Rwemeje kandi rutegetse ko BIKORIMANA Alphonse atandukanye burundu na UWAMAHORO Christine, amasezerano yo gushyingirwa bagiranye kuwa16/08/2004 imbere y'umwanditsi w'irangamimerere y'umurenge wa Gishyita akaba asheshwe.

Rwemeje kandi rutegetse ko abana BIKORIMANA Jean wavutse 20/06/2004 na Uwase Beathe wavutse 07/10/2010, barerwa na BIKORIMANA Alphonse kuko ariwe wita ku burere bwabo bwa buri munsi, maze abana bakajya basura UWAMAHORO Christine ndetse nawe akabasura, akaba nta ndezo itanzwe mu rubanza. Naho Irakiza Jaques wavutse ku wa 25/05/1998, TUMUKUNDE J De dieu wavutse ku wa 08/08/2002 na IRANKUNDA Jaqueline wavutse ku wa 12/10/1999, nta cyemezo rwakwiririwa rubafataho kuko bamaze kuzuza imyaka y'ubukure.

Rwemeje ko ingwate y'igarama BIKORIMANA Alphonse, yatanze aregera urukiko ingana n'amafaranga ibihumbi icumi (10,000frw) ihwanye n'imirimo yakozwe mu rubanza.

MPORWIKI Jean Marie Vianney